URUKIKO RW'IBANZE RWA GASABO RURI KU CYICARO CYARWO, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RC 00025/2024/TB/GSBO, NONE KUWA 13/05/2025 MU BURYO BUKURIKIRA:

---

REPUBLIQUE DU RWANDA

<u>HABURANA</u>:

<u>ABAREGA</u>: 1. **TUYISENGE Fabrice** mwene RUMONGI Longin na KANZAYIRE Emilienne , utuye United States of America, Sector: Shrewsbury Cell: 4221 flint pond circle, Tel: +12109549317, ID: -657658181 , e-mail : marie-tuyisenge@gmail.com, ahagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com na Me NUBUMWE Jean Bosco , Tel : +250788490000.

2. **RUMONGI Gustave** mwene RUMONGI Longin na KANZAYIRE Emilienne utuye United States of America, District: Texas Sector: San Antonio cell: 22800 Bulverde Road, Tel: +13617201063, ID: 232695, e-mail : gustaverumongi@gmail.com, ahagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com na Me NUBUMWE Jean Bosco , Tel : +250788490000.

3. **RUMONGI Cedric** mwene RUMONGI Longin na KANZAYIRE Emilienne utuye United States of America, District: tx 78748 Sector: Austin Cell: 600 FM 1626 APT 10102, Tel: +12103060737, ID:45899814, e-mail : cedric-r2020@gmail.com, uhagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com na Me NUBUMWE Jean Bosco , Tel : +250788490000.

4. **MBANGUZA Fremond** mwene RUMONGI Longin na KANZAYIRE Emilienne utuye United States of America, Distric: Texas Sector: Houston Cell: 7100 uvalde road, Passport Number: PC 136234, Tel+19707794929., e-mail: fremond-mbanguza@gmail.com , uhagarariwe na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet, e-mail anisage2016@gmail.com na Me NUBUMWE Jean Bosco , Tel : +250788490000.

**UWAGOBOTSE KU BUSHAKE**: **RUMONGI Longin** mwene MBANGUZA Uzzia na MUKABADEGE Marguerite utuye mu Mudugudu w'Ubumwe, Akagari ka Rukili I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, e-mail: lrumongi@gmail.com , Tel: +250788300065, ID: 1195880002752165, wunganiwe na Me INTWAZAYAMUGABO Armand , e-mail: Iintwafisa@yahoo.fr , Tel : +250785410756 na Me MWINE Geofrey.

**IKIREGERWA**: Gusubirishamo ingingo nshya urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru.

---

## I. IMITERERE Y' URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond bahagarariwe na Me NZIRABATINYI Fidele baregera urukiko barusaba gutegeka ko imitungo yabo yandikwa kuri Societé SOFAREX, ikirego cyarakiriwe gihabwa N° RC 00916/15/TB/KCYR . Mu ri urwo rubanza rwaciwe ku itariki 25/09/2015 hagobokeshejwemo RUMONGI Longin , aho abarega basobanuraga ko mu rwego rwo kongerera ubushobozi Societé yabo ko imitungo itimukanywa yandikwa kuri Societé SOFAREX bagashingira ku nyandiko mvugo y'inama yabaye ku itariki 07/08/2015 yashyizweho

n'umukono wa Noteri , urukiko ruza gufata icyemezo rutegeka ko imitungo itimukanywa igizwe n'ikibanza nomero 2881 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2881/ GAS/KIN, ikibanza nomero 470 Gasabo/Kacyiru gifite Ref 470/ GAS/KAC, ikibanza nomero 1310 Gasabo/Remera gifite Ref 1310/GAS/REM, ikibanza nomero 928 Rwamagana/Musha gifite Ref 0928/RWA/MUS, ikibanza nomero 229 Gasabo/Remera gifite Ref 00229/GAS/REM, ikibanzanomero 42 Muhima/Nyarugenge gifite Ref 0042/Nya/MUH, ikibanza nomero 981 Bugesera/Nyamata gifite Ref 0981/BUG/NYA, inzu iri mu kibanza 1053 Nyarugenge ifite titre de propriété Vol R.XIX, Folio 145, ikibanza nomero 1771 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1771/GAS/KIN, ikibanza nomero 2165 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2165/GAS/KIN, ikibanza nomero 1737 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1737/GAS/KIN, yose iva mu mazina y'abarega ikandikwa kuri Sosiyeti SOFAREX Ltd;

[2] KANZAYIRE Emilienne ari we Maman wa TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond , akaba umugore wa RUMONGI Longin bari barashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko ku itariki 24/11/1989, bakaza gutandukana nkuko byemejwe n'urukiko rwabahaye ubutane ku wa 12/02/2015, yatanze ikirego mu bugenzacyaha avuga ko mu mwaka wa 2014 RUMONGI Longin yize amayeri yo kugira ngo arigise umutungo wose bari bafitanye, yifashishije Me NZIRABATINYI Fidele Avocat mu rugaga rw'Abavoka mu Rwanda bakora inyandiko mpimbano yiswe "inyandiko igize amasezerano yo gutanga iminani, muri iyo nyandiko Me NZIRABATINYI Fidele ahagararira abana babo aribo TUYISENGE MUHIRE Marie Fabrice na RUMONGI Cedric naho abandi se arabahagararira, bavuga ko imitungo 14 ivanywe mu mutungo w'urugo ihawe aba bana uko ari bane, bifashisha iyo nyandiko batanga ibirego mu rukiko basaba ko iyo mitungo ivanwa kuri RUMONGI

Longin na KANZAYIRE Emilienne ikandikwa kuri abo bana babo, urukiko rurabibemerera, rumaze kubyemeza bakora indi nyandiko mpimbano bise "inyandiko mvugo y'inama rusange y'abanyamigabane ba sosiyete sofarex Ltd, bifashisha iyi nyandiko batanga ikirego mu rukiko gihabwa No RC 916/15/TB/KCY basaba ko imwe muri iyo mitungo yose ivanwa mu mazina y'abana ikandikwa kuri sosiyete SOFAREX Ltd, ibyo byose RUMONGI Longin akaba yarabikoze mu rwego rwo kurigisa umutungo wabo w'urugo kugira ngo Kanzayire Emilienne atazagira icyo abona na kimwe, kuko nyuma yatanze ikirego cy'ubutane arabuhabwa, iyi mitungo ntiyagaragazwa;

[3] KANZAYIRE Emilienne akomeza avuga ko inyandiko yiswe "inyandikomvugo y'inama rusange y'abanyamigabane ba SOFAREX " igaragaza ko abana ba Rumongi uko ari 4 bahaye societe SOFAREX imitungo 11 yabanditsweho, iyi nyandiko ikaba itavugisha ukuri kuko muri iyi nama abana bari bahagarariwe na Me NZIRABATINYI Fidele, kandi mu mabaruwa banditse bagaragaje ko batigeze bamutuma kubahagararira, ko ibi byose byakozwe kugira ngo iyi mitungo 11 RUMONGI Longin afatanije n'umugore we ayigarurire kuko muri societe SOFAREX afitemo imigabane myinshi 80% KANZAYIRE Emilienne akaba nta mugabane n'umwe afitemo;

[4] Urukiko rwisumbuye rwa Gasabo mu rubanza RP 00585/2022/TGI/GSBO GSBO rwaciwe kuwa 13/04/2023, rwahamije RUMONGI Longin na NZIRABATINYI Fidele icyaha cy'ubufatanyacyaha mu cyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano n'ubufatanyacyaha mu cyaha cyo gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya ruhanisha buri wese ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni enye (4.000.000 Frw) ndetse

rubategeka gutanga indishyi zinyuranye . RUMONGI Longin na NZIRABATINYI Fidele bajuririye uru rubanza maze mu rubanza RPA 00874/2023/HC/KIG rwaciwe kuwa 03/05/2024 Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa RUMONGI Longin na NZIRABATINYI Fidele nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza RP 00585/2022/TGI/GSBO idahindutse. Rumongi Longin na NZIRABATINYI Fidele bajuririye uru rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire maze mu rubanza RPAA 00437/2024/CA maze kuwa 29/11/2024 Urukiko rwemeza ko ubujurire bwabo butakiriwe;

[5] Ku itariki 24/12/2024 Me NUBUMWE Jean Bosco na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet bahagarariye TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond batanze ikirego mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe basaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, kuko rwashingiye ku nyandiko mpimbano, bagashingira ku manza RP 00585/2022/TGI/GSBO, RPA 00874/2023/HC/KIG na RPAA 00437/2024/CA zabaye itegeko kuwa 29/11/2024;

[6] Uru rubanza rwaburanishirijwe mu ruhame kuwa 26/03/2025 TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond bahagarariwe na Me NUBUMWE Jean Bosco na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet naho uwagobotse ku bushake mu rubanza RUMONGI Longin yunganiwe na Me INTWAZAYAMUGABO Armand hamwe na Me Me MWINE Geofrey;

[7] Kuwa 04/04/2025 Urukiko rwemeje ko TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond bemerewe gusubirishamo urubanza ingingo nshya urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru kuwa 25/09/2015, rutegeka ko iburanisha ry'urubanza rizaba kuwa 16/04/2025, kuri uwo munsi ababuranyi baritabye TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond bahagarariwe na Me NUBUMWE Jean Bosco na Me NTAGANDA RWAMULIMA Anicet naho uwagobotse ku bushake mu rubanza RUMONGI Longin yunganiwe na Me INTWAZAYAMUGABO Armand;

[8] Mu iburanisha ry'urubanza Me NTAGANDA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco bahahagarariye abarega basaba ko urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ruteshwa agaciro maze ibintu bigasubira uko byari bimeze ni ukuvuga imitungo igasubira mu maboko y'abari bayihawe babanyamigabane TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond kuko inyandiko yashingiweho mu rubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 hemezwa ko imwe mu mitungo y'abarega yegurirwa SOFAREX Ltd, byemejwe ko ari inyandiko mpimbano;

[9] RUMONGI Rongin yavuze ko iyi company ayifitemo imigabane byumvikana ko afitemo ni inyungu, avuga kandi ko iyi societe ari societe y'ubucuruzi urubanza rwakagombye kujya mu rukiko rw'ubucuruzi kuko ni socoete y'ubucuruzi imigabane bashaka kugaruza ni iy'ubucuruzi. Akomeza avuga ko habayemo akarengane gakabije kuko baburanishije urubanza adwaye adashobora kuhagera kandi yabohereje impapuro , Bityo ko urubanza ruri mu karengane ntabwo bashobora kubyitwaza kuko icyemezo ntikirafatwa.

Kuba basaba ko urwo rubanza rwateshwa agaciro sibyo kuko societe yakoze nta bihimbano birimo nkuko babivuga imanza ziracyakomeje ziriya manza zabaye zagiye mu karengane kuko kagaragara ku mugaragaro icyemezo ntikirafatwa nibaramuka bemeje ko nta karengane karimo nibwo byakomeza izi manza;

[10] Me INTWAZAYAMUGANO Armand wunganira RUMONGI Longin avuga ko uyu munsi nubwo urubanza basaba ko rwateshwa agaciro baruteyeho kasha mpuruza bikurikije amategeko ya procedure ariko uyu munsi ruri mu karengane , urukiko ruramutse rwemeje ko ruteshwa agaciro hanyuma akarengane kakazagaragamo byaba bibangamiye izi manza kuba bataremeza ko akarengane , urukiko rukemera ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya icyo cyemezo cyazafatwa cyazavaho gute? bagakwiye gutegereza akarengane kagafatwaho icyemezo byazemerwa bakaba aribwo basaba gusubirishamo. Icya kabiri RUMONGI Rongin ni umunyamigabane muri iyi company icyemezo kigomba gufatwa ba nyiri migabane bose bahari impamvu yo kugoboka mu rubanza ni ukugira ngo abanyamigabane bose babe bahari nibatsindwa batsindirwe hamwe tihazabe gusaba gusubirishamo urubanza , ikindi ibiri gusabwa ni bibiri hari gusabwa gusubirishamo urubanza hari no gusabwa ko imitungo yinjijwe muri company isubizwe abayishyizemo ni ikirego ngaruzamutungo , bashingiye ku ngingo ya art 81 OFCJ basanga biri mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi aba bana ba Rumongi Rongin bifuza ko iyi mitungo bashyizemo bayivana muri sosciete bakayisubizwa , kuba bafitemo imigabane ibi ntibiburanirwa hano mu rukiko rw'ibanze nk'urubanza mbonezamubano biburanirirwa mu rukiko rw'ubucuruzi kuko ni societe y'ubucuruzi ;

[11] Ibibazo bisuzumwa muri uru rubanza ni ibi bikurikira:

- *Kumenya niba urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, rwateshwa agaciro maze imitungo yategetswe ko yandikwa ku SOFAREX Ltd igasubira mu maboko ya TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond*

## II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

- ***Kubijyanye no kumenya niba urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, rwateshwa agaciro maze imitungo yategetswe ko yandikwa ku SOFAREX Ltd igasubira mu maboko ya TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond***

[12] Ingingo ya 170 y'itegako No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko" ***Urubanza rushobora gusubirishwamo ingingo nshya kubera imwe mu mpamvu zikurikira....2° urubanza rwaciwe hashingiwe ku mpapuro cyangwa ku buhamya byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza[......]";***

[13] Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 062/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga ibimenyetso iteganya ko ,***Urwego rufite ububasha rufata icyemezo ku byo rwashyikirijwe hakurikijwe ubwoko bw'ibimenyetso bihuje na kamere y'ikiburanwa cyangwa y'ikibazo kiri mu mpaka;***

[14] Me NTAGANDA Anicet na Me NUBUMWE Jean Bosco bahahagarariye abarega basaba ko urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015

n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ruteshwa agaciro maze ibintu bigasubira uko byari bimeze ni ukuvuga imitungo igasubira mu maboko y'abari bayihawe babanyamigabane TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Cedric, RUMONGI Gustave na MBANGUZA Fremond kuko inyandiko yashingiweho mu rubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe kuwa 25/09/2015 hemezwa ko imwe mu mitungo y'abarega yegurirwa SOFAREX Ltd, byemejwe ko ari inyandiko mpimbano;

[15] RUMONGI Rongin avuga ko abana bavuga ko yabikoze nk'umubyeyi wabo, kandi ko habayeho akarengane n' urubanza ruri mu karengane ntabwo bashobora kubyitwaza ngo basabe ko rwateshwa agaciro kuko icyemezo kitarafatwa;

[16] Me INTWAZAYAMUGABO Armand wunganira RUMONGI Rongin avuga ko kuba abarega bavuga ko imitungo iva kubana igasubira ku babyeyi ,urundi rubanza narwo rugasaba ko imitungo iva kuri societe ijya ku bana ntabwo aribyo , imitungo ni iye kuba yayamburwa muri company ayifitemo imigabane byaba arikumubangamira ariko biramutse bigarutsemo niwe byagarukiko kuko niwe byari byanditsweho mbere , avuga kandi ko kuba abarega bavuga ko imitungo yava mu maboko y'uyifite ikajya ahandi bitagakwiye gusuzumwa kuko byaregewe kuko basabye ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya ruteshwa agaciro;

[17] Urukiko rusanga ingingo ya 170 yavuzwe haruguru mu gikaz cyayo cya 3 iteganya ko '*'Ikimenyetso n'iyo ari gishya gihabwa agaciro gusa iyo gishobora kuvuguruza ibyari byashingiweho mu ica ry'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ingingo nshya"*, ibi bikaba byumvikanisha ko iyo Urukiko rwemeye ko urubanza rusubirishwamo ingingo bivuze ko ikimenyetso

gishingiweho kizavuguruza urubanza rusubirishwamo ingingo nshya bityo rukaba rutakibayeho. Iyi ngingo ikaba yumvikanisha ko mu gihe hari urubanza rwaciwe hashingiwe ku mpapuro cyangwa ku buhamya byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza iyi ari impamvu ituma urubanza rwaciwe hashingiwe kuri izo nyandiko mpimbano rusubirishwamo ingingo nshya, bivuze ko mu gihe Urukiko rwemeje ko rusubirishwamo ingingo nshya rwa rubanza ruba rutakiriho ahubwo ko hagomba gukurikizwa ibizaregekwa mu rubanza rurusubirishamo ingingo nshya;

[18] Urukiko rumaze kumva no gusesengura n'ibyavuzwe n'impande zombi rurasanga kuba itegeko riteganya ko umuntu ashobora gusubirishwamo urubanza ingingo nshya kandi ko mu gihe byemewe urubanza rusubirishwamo ruba ruteshejwe agaciro bivuze ko ibyari byategetswe mu rubanza rusubirishwamo bisubira uko byari bimeze mbere y'uko rucibwa kuko mu gihe urubanza ruteshejwe agaciro n'ibyemezo byari byarufashwemo biba biteshejwe agaciro ibintu bigasubira uko byari bimeze rutaracibwa;

[19] Urukiko rurasanga rero rushingiwe ku bimaze kuvugwa urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru kuwa 25/09/2015 ruteshejwe agaciro, imitungo ari yo ikibanza nomero 2881 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2881/ GAS/KIN, ikibanza nomero 470 Gasabo/Kacyiru gifite Ref 470/ GAS/KAC, ikibanza nomero 1310 Gasabo/Remera gifite Ref 1310/GAS/REM, ikibanza nomero 928 Rwamagana/Musha gifite Ref 0928/RWA/MUS, ikibanza nomero 229 Gasabo/Remera gifite Ref 00229/GAS/REM, ikibanza nomero 42 Muhima/Nyarugenge gifite Ref 0042/Nya/MUH, ikibanza nomero 981 Bugesera/Nyamata gifite Ref

0981/BUG/NYA, inzu iri mu kibanza 1053 Nyarugenge ifite titre de propriété Vol R.XIX, Folio 145, ikibanza nomero 1771 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1771/GAS/KIN, ikibanza nomero 2165 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2165/GAS/KIN, ikibanza nomero 1737 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1737/GAS/KIN, iva kuri Societé SOFAREX igasubira mu mazina y'abarega aribo TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond ikongera ikabandikwaho.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[20] **Rwemeje** ko ikirego cyatanzwe na TUYISENGE Fabrice, RUMONGI Gustave, RUMONGI Cedric na MBANGUZA Fremond gifite ishingiro;

[21] **Rwemeje** ko urubanza RC 916/15/TB/KCY rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru kuwa 25/09/2015 ruteshejwe agaciro;

[22] **Rutegetse** ko ikibanza nomero 2881 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2881/ GAS/KIN, ikibanza nomero 470 Gasabo/Kacyiru gifite Ref 470/ GAS/KAC, ikibanza nomero 1310 Gasabo/Remera gifite Ref 1310/GAS/REM, ikibanza nomero 928 Rwamagana/Musha gifite Ref 0928/RWA/MUS, ikibanza nomero 229 Gasabo/Remera gifite Ref 00229/GAS/REM, ikibanza nomero 42 Muhima/Nyarugenge gifite Ref 0042/Nya/MUH, ikibanza nomero 981 Bugesera/Nyamata gifite Ref 0981/BUG/NYA, inzu iri mu kibanza 1053 Nyarugenge ifite titre de propriété Vol R.XIX, Folio 145, ikibanza nomero 1771 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1771/GAS/KIN, ikibanza nomero 2165 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 2165/GAS/KIN, ikibanza nomero 1737 Gasabo/Kinyinya gifite Ref 1737/GAS/KIN, iva kuri Societé SOFAREX igasubira mu mazina y'abarega aribo TUYISENGE Fabrice, RUMONGI

Gustave, RUMONGI Cedric, MBANGUZA Fremond ikongera ikabandikwaho;

[23] **Rutegetse** ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

**NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 13/05/2025.**

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **(Sé)** | **(Sé)** |
| **MUKAMANA Antoinette** | **UMURERWA Delice** |

ku 27/05/2025 Billing N° 880526846429

iyi copy y'urubanza ihuye n'umwimerere wayo.

Umwanditsi: BAHATI Alice

URUKIKO RW'IBANZE RWA GASABO